

## Duhugukirwe n'ishoberamahanga

### Intangiriro

Mu rwego rwo kurushaho guhugukirwa n'Ikinyarwanda n'imikoreshereze y'amagambo yacyo, gusobanukirwa n'igisobanuro cy'amagambo ni ingirakamaro. Mu magambo agize Ikinyarwanda harimo amazina n'ishoberamahanga. Mu nshoberamahanga harimo izihita zumvikana kubera ko amagambo azigize ahita agaragara ariko hari n'atagaragara yose bityo umuntu akaba yakwibaza ijambo zakomotseho. Hari n'izo usanga ijambo zishingiyeho ritagikoreshwa cyane rikaba rizwi na bake. Mu kurushaho gusobanukirwa n'amagambo n'ishoberamahanga mu Kinyarwanda, ni byiza kugaruka kuri zimwe mu nshoberamahanga tujya duhura na zo.

#### 1. A. Gusubira ku ke:

Ni agaki? Iyo bavuze ngo “runaka yasubiye ku ke” baba bashaka kuvuga ko yongeye kujya mu byago. Ibyago bikomeye yigeze guhura na byo biramusubiye.

*None se ako ni agaki aba asubiyeho?*

*Ni “akaga”, aribyo kuvuga ibintu bibi umuntu ageramo akabikira biruhanyije cyangwa ahantu habi umuntu agera ntabe yahikura cyangwa akahikura bimuruhije.*

#### B. Kukabona:

Muri iyi nshoberamahanga “**kukabona**”, na ho ako baba bavuga ni “akaga”. Ikaba isobanuye guhura n'amakuba akomeye. Mu Kinyarwanda kandi ijambo “**akaga**” rishobora gusobanura umwanya w'inkoko baragura uri iruhande rw' umwijima. Uretse ibyo, ni n'irindi zina bita seenyêenge.

#### 2. Kukanyamura / kugâtoora / kukayoora.

Ni agaki? Iyo bavuze ngo “runaka arakanyamuye, arakayoye, aragatoye” baba bavuga ko ahuye n'amakuba, ko ibyago bimwugarije. Ako baba bavuga ko ayoye, atoye, anyamuye ni “**akâago**”, iri jambo rikaba riva ku

rindi ryitwa “icyago” rivuga ikintu kibi kiba ku muntu kikamuhungabanyiriza ubuzima cyangwa umutekano. Amakuba, ibyago.

### **3. A. Gusiga rurese: ni uruki?**

Inshoberamahanga “gusiga rurese” isobanura gupfa ibintu byari bitangiye kuboneka ari byinshi cyangwa gupfa ubukire bumaze kuboneka mu gihugu, imyaka yeze. Urwo baba bavuga ko rurese ni u Rwanda. Aha kandi u Rwanda rukaba rushobora gusobanura Igihugu, uturere tuzwi ahantu hatandukanye. Bavuga ko muri Ankole mu Bugande hari Rwanda rweru, Rwanda rwa Kakara,... Mu Rwanda hari ahantu hazwi nk’u Rwanda rwa Binaga mu Mutara, u Rwanda rwa Gasabo cyangwa rwa Ndânyooye ubu ni mu Karere ka Gasabo ahahoze ari muri komini Gikomero.

### **B. Kurwaambika ibireenge / imyishywa: Uruki?**

Ni u Rwanda baba bavuga. Bigasobanura kuzerera, kugendagenda ntaho ufite ujya cyangwa nta mpamvu ikujyana imihâanda yose ugendamo. Kugenda uta igihe.

### **4. ‘Akanguhe’ twumva mu nshoberamahanga ni iki?**

Ubusanzwe ijambo “akanguhe” ni ubuhemu umuntu agirira uwo bari bizeranye.

Inshoberamahanga “gusesa akanguhe” bivuga iki? Ni ukuba uri umuntu ukuze w’umwitonzi uzi ibintu n’ibindi.

### **5. ‘Utwangushye’ tubona mu nshoberamahanga “gutekera utwangushye” ni uduki?**

Gutekera utwangushye bisobanura guhungana ibintu bike ariko by’ingirakamaro. ‘Utwangushye’ bisobanura ubusabusa, utuntu dukeya cyane.

### **6. Sobanukirwa n’imvugo “kukabaamba”**

Kukabamba bisobanuye kurakara cyane, kugira uburakari bukabije. Iyo bavuze ngo “naka yakabambye baba bavuga ko yarakaye bitavugwa.

Ako baba bavuga ko yabambye ni agaki?

Ako baba bavuga ko yabambye ni akaanira; izina rikomoka ku rindi ry’icyaanira”. Ntawamenya niba iyo nshoberamahanga idakomorwa ku ijwi ryacyo risa n’irihigima, nk’irifite uburakari. “Kukabamba” hari n’ababivuga beruye bakavuga “kubamba akanira”

### **7. Agatanga ka mbere kavugwa mu ndirimbo z’amadini ni agaki?**

Ubundi gaatanga ni impamvu y’ibanze yo kubaho kw’ikintu cyangwa ituma ikintu kiba cyangwa intandaro yacyo. Agatanga ka mbere mu mvugo

itari iy'idini bisobanura impamvu y'ibanze. Aho amadini aziye yakoresheje icyo mvugo mu kuvuga Imana, kuko yabanjirije ibintu byose kubaho.

## 8. Guha akâato.

Akato ubundi ni akagezi gatamba ahantu h'imfungane. Bisobanura kandi ahantu h'imfungane. **"Guha umuntu akato"** bikaba bisobanura gucira umuntu ukwe, kumubuza kuzongera kwegera abandi cyangwa gusangira na bo.

## Umwanzuro

Izi nshoberamahanga ziteye ku buryo uzumvise bwa mbere adahita yumva icyo zisobanura n'ubwo zigizwe n'amagambo asanzwe mu rurimi. Hari n'izisimbuza ijambo zubakiyeho insimburazina nabwo bikagorana kuzisobanukirwa ukizumva. Ariko nyuma yo kuzimenya usanga zibitse uburyohe ntagereranywa bw'ururimi. Biracyaza!